REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO

IJAMBO RYA NYAKUBAHWA RWANYINDO KAYIRANGWA FANFAN, MINISITIRI W'ABAKOZI BA LETA N'UMURIMO MU MUHANGO WO GUTANGA IMPAMYABUSHOBOZI KU BAKORA UMWUGA W'UBUBAJI

IPRC- Kigali Stadium, 18 Ukwakira, 2018

- ***Your Excellency Dr. Peter Woeste, Ambassador of the Federal Republic of German in Rwanda*** ;

- **Nyakubahwa Ambasaderi w'Ubudage mu Rwanda;**

- **Muyobozi Mukuru w'Ishuri Rikuru ry'u Rwanda ry'Imyuga n'Ubumenyingiro *Rwanda Polytechnic (RP);***
- **Muyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Ubumenyi Ngiro (WDA);**
- **Muyobozi Wungirije w'Umujyi wa Kigali ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu;**
- **Muyobozi Wungirije w'Akarere ka Kicukiro ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu;**
- **Munyamabanga Mukuru wa STECOMA;**
- **Bayobozi mu Nzego z'Imirimo ya Leta, iz'Abikorera, n'Imiryango Mpuzamahanga muteraniye hano,**
- **Bayobozi Muhagarariye Sendika z'Abakozi;**
- **Bashyitsi bahire;**

1. **Mu gutangira munyemerere mbanze nshimire cyane buri wese waje kwifatanya natwe muri ibi birori byo gutanga impamyabushobozi ku bakora umwuga w'Ububaji.**

2. ***Thank you all for coming.***

3. **Ndashimira kandi Abakora umwuga w'ububaji mwaduteranyirije hano uyu munsi.**

4. **Ni byiza ko muri mwe harimo n'umubare ushimishije w'urubyiruko n'abagore.**

5. **Impamyabushobozi muhawe zirashimangira ubumenyi n'uburambe musanzwe mufite mu byo mukora.**

6. **Kuba kandi mwaritabiriye ibikorwa by'isuzuma mwakorewe ni ikimenyetso ko mukurikira Gahunda zinyuranye Leta**

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail *:info@mifotra.gov.rw*** **Follow us on Twitter *: @RwandaLabour***

igenda ishyiraho zigamije gufasha abanyarwanda kwiteza imbere binyuze mu murimo.

7. **Impamyabushobozi muhawe zirongera agaciro k'ibyo mukora kuko mugiye kurushaho kubikora nk'abanyamwuga.**

8. **Icyizere abakiliya basanzwe babafitiye kigiye kwiyongera.**

9. **Guha seritifika abakozi bafite uburambe n'ubushobozi mu gihe kinini bamaze bakora imirimo runaka ishingiye ku bumenyingiro, n'ubwo baba batarabyigiye mu mashuli asanzwe, ni igikorwa kizakomeza mu byiciro binyuranye by'imyuga.**

10. **Umwaka ushize mu kwezi kwa Kabiri, igikorwa nk'iki cyakorewe kuri Sitati y'i Nyamirambo aho abakora imirimo y'ubwubatsi, batize amashuli asanzwe y'iby'ubwubatsi, bahawe nabo Seritifika nyuma yo gutsinda isuzuma bakorewe, bikagaragara ko bafite ubumenyi ngiro bukenewe mu buyo bakora.**

11. **Guverinoma y'u Rwanda yiyemeje guteza imbere ubumenyi ngiro kuko bukenerwa cyane ku isoko ry'umurimo kandi ubufite bikamworohera no kwihangira umurimo.**

12. **Muri Gahunda ya Guverinoma igamije kwihutisha iterambere rirambye, Leta yiyemeje guhanga imirimo miliyoni 1.5 ibyara inyungu.**

13. **Binyuze muri iyo gahunda, hazongerwa umubare w'abize ubumenyingiro (TVET) buhuzwe n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo.**

14. **Umurimo mukora w'ububaji ni umwe mu mirimo ishingiye ku bumenyingiro dukeneye.**

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail *:info@mifotra.gov.rw*** **Follow us on Twitter *: @RwandaLabour***

15. Ubumenyingiro bufite uruhare runini mu kugera ku ntego ya Guverinoma yo guhanga imirimo miliyoni 1.5 ibyara inyungu mu gihe cy'Imyaka irindwi.

16. Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika ntahwema gukangurira Abaturarwanda twese gukora cyane mu rwego rwo guharanira Kwigira no Kwihesha agaciro.

17. Umurimo ni isoko y'iterambere rirambye. Ni umusingi wo kubaka u Rwanda twifuza kandi buri wese akabigiramo uruhare.

18. Umwuga w'Ububaji ufite uruhare runini mu guteza imbere Ibikorerwa mu Rwanda (*Made in Rwanda*).

19. Ibikorerwa mu Rwanda mugiramo uruhare bikomeje kugira uruhare mu guhanga imirimo.

20. Hirya no hino aho mukorera, mu Midugudu, mu Tugari, mu Mirenge, ibyo mukora bikenerwa n'Abanyarwanda ndetse n'Abanyamahanga.

21. Mukomeze kubinoza kandi mushyira ingufu mu kubishakira amasoko haba imbere mu gihugu ndetse no mu mahanga.

22. Ndabasaba kandi no kuzirikana ibijyanye n'ubuzima n'umutekano ku kazi aho mukorera.

23. Aho mukorera hagomba kurangwa n'isuku kandi namwe mukagira ibikoresho bibafasha kwirinda impanuka ku kazi, bikabarinda gukomereka, guhumeka ivumbi no kuba harabatakaza ubuzima.

24. Mu minsi ishize mwumvise amakuru y'impanuka yabaye mu Karere ka Nyarugenge aho Abakozi bamwe

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw* E-mail *:info@mifotra.gov.rw* Follow us on Twitter *: @RwandaLabour

batakaje ubuzima abandi bagakomereka kubera impanuka yabereye aho bakoreraga.

25. Imiryango yabuze abayo ikomere kandi ikomeze kwihangana.

26. Mbonereho no gusaba Abakoresha bose ndetse n'abakozi gukomeza gufatira hamwe ingamba zo guteza imbere ubuzima n'umutekano ku kazi.

27. Leta y'u Rwanda binyuze muri Gahunda ya NEP Kora Wigire, yashyizweho gahunda zigamije gufasha kongera ubumenyi no kwihangira umurimo.

28. Bityo, abahawe impamyabushobozi ndabasaba:

- **Kwitabira cyane Gahunda zashyizweho zigamije gufasha ba Rwiyemezamirimo bato b'Urubyiruko n'Abagore kubona igishoro binyuze mu kubunganira kubona ingwate kugeza kuri 75% binyuze muri BDF;**

- **Kwegera Abajyanama mu Mishinga n'Ubucuruzi bashyizwe muri buri Murenge bakabafasha kubigira imishinga myiza mwakora mu bikorwa by'ububaji no kuyicunga;**

- **Gutinyuka kwegera no gukorana n'ibigo by'imari ndetse no kwishyira hamwe;**

29. Nimubikora, bizatuma murushaho kwagura ibikorwa byanyu no kwiteza imbere kurushaho.

Banyacyubahiro muteraniye hano
Bashyitsi bahire
Bafatanyabikorwa mwese

30. Ngana ku musozo, ndashaka kongera gushimira:

- **Ndashimira cyane STECOMA kubera uruhare runini ikomeje kugira mu isumabushobozi rituma Abanyamyuga mu byiciro binyuranye bahabwa izi seritifika.**

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail *:info@mifotra.gov.rw*** **Follow us on Twitter *: @RwandaLabour***

- **Ndashimira Umujyi wa Kigali n'Uturere tuwugize uruhare rufatika mugira mu gushishikariza abanyamyuga kwitabira ubu buryo bwashyizweho bwo kwemeza ubushobozi bafite mu mirimo basanzwe bakora buri munsi, bagahabwa impamyabushobozi.**

- **Ndashimira kandi Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Ubumenyi Ngiro (WDA), Ishuri Rikuru ry'u Rwanda ry'Imyuga n'Ubumenyingiro (RP) ku ruhare bagira muri ibi bikorwa.**

- **Ndashimira kandi Abafatanyabikorwa bose dukomeje gufatanya mu guteza imbere ubushobozi bukenewe ku isoko ry'umurimo.**

- **Munyemere kandi nshimire GIZ n'Ambasade y'Ubudage mu Rwanda.**

31. ***Your Excellency Dr. Peter Woeste, Ambassador of the Federal Republic of Germany to Rwanda, On behalf of the Government of Rwanda, I want to recognize your support in employment promotion especially in vocational training and private sector development. Thank you very much Your Excellency.***

32. Ku bahawe impamyabushobozi, mbifurije kuzagira umurimo unoze urangwa n'umuhate kandi uganisha ku iterambere ryanyu, imiryango yanyu n'ishema ry'Igihugu.

33. Ndabashimiye mwese.

34. Mugire Amahoro.

P.O. BOX 403 KIGALI Website : www.mifotra.gov.rw **E-mail** ***:info@mifotra.gov.rw*** **Follow us on Twitter** ***: @RwandaLabour***